URURIMI
RW'IKINYARWANDA كيناروندا

# AMATURO ARIMO IBICE BIBIRI

**1- AMATURO Y'UMUGEREKA:**
Ikaba ari buri mutungo umuntu atanga mu rwego rwo kugandukira Imana gusa.

**2-AMATURO Y'ITEGEKO:**
NAYO ARIMO UBWOKO BUBIRI

## AMATURO Y'UMUBIRI

Ariyo ZAKATUL FITRI: Ikaba ari itegeko kuri buri Muyislamu, umukuru n'umutoya, umugabo n'umugore, umuja n'utari umuja.

## AMATURO KU MITUNGO

Ayo maturo mu idini ni: (Ukugandukira Imana Nyagasani, utanga igice kimwe cy'itegeko ry'idini mu mitungo yawe runaka, ukagiha igice cy'abantu runaka). Gutanga amaturo bikaba ari inkingi ya Gatatu mu nkingi zigize Islam. Ayo maturo y'itegeko akaba arimo ibice bine:


ayo maturo y'itegeko akaba arimo ibice bine:

### 1 NAQIDAYINI



aribyo Zahabu na Feza, n'ibindi bisa nabyo cyangwa se bimeze nka byo mu mafaranga n'ibindi. Igipimo fatizo utunze Zahabu aheraho kugira ngo atange Zakat ni Mithiqala 20 za Zahabu bingana na Garama 85g naho kuri Feza igipimo fatizo uyitunze aheraho atanga Zakat ni amadiriham 200 bingana na Garama (595g)

### 2 ASAIMAT



Aribyo bisobanuye amatungo, ayo matungo akaba ari arisha mu nzuri nziza mu gihe kinini kigize umwaka cyangwa se umwaka wose, ikigambiriwe mu kuvuga amatungo ni: Ingamiya, Inka ndetse n'ihene.

### 3 IBITURUKA MU BUTAKA



Aribyo ibinyampeke ndetse n'imbuto.

### 4 IBICURUZWA



Aribyo buri kintu cyose umuntu ategura kugira ngo akigurishe.

## ABAGOMBA GUHABWA ZAKAT

**1 ABATINDI:** aribo abantu bafite ibibazo by'imibereho batagira ikintu na kimwe cyangwa babona ibitabahagije.

**2 ABAKENE:** Akaba ari abantu babona ibibahagije gusa cyangwa se kimwe cya kabiri cyabyo, turamutse tugereranyije ibihaza umuntu mu mwaka ko ari 12.000, Umutindi hano aba afite ibihumbi 6000 cyangwa se nta kintu na kimwe afite. Naho UMUKENE we aba afite ibihumbi 6000 cyangwa birenga ariko atageze kuri 12.000 kuko muri Zakat duha Umukene n'Umutindi buri wese ibimuhagije mu mwaka wose kuko Zakat ari itegeko mu mwaka.

**3 ABAKORA MU GUSARUZA ZAKAT:** Aribo abakusanya Zakat bakanayibungabunga bakanashingwa kuyigabanya bahagarariwe n'umuyobozi, kandi singombwa kuba ukusanya Zakat agomba kuba ari Umutindi ahubwo bagomba guhabwa muri Zakat nubwo baba ari abakungu.

**4 ABAKIRERWA IMITIMA:** Akaba ari abantu bakekwa ko bashobora kuyoboka idini, bakaba bahabwa muri Zakat kubera kwirinda ibibi byabo, cyangwa kugabanya ingufu z'ukwemera kwabo.

**5 ABACAKARA:**
A: Umucakara w'umuyislamu wagiranye na Sebuja amasezerano yo kwibohora.
B: Abacakaba b'abayislamu barekuwe.
D: Imfungwa z'intambara z'Abayislamu.

**6 ABANANIWE KWISHYURA IMYENDA:** Aribo: A: Uwananiwe kwishyura umwenda hagati ye na mugenzi we. B: Uwananiwe kwishyura umwenda wo gukemura ibibazo bye.

**7 ABARI MU NZIRA Y'IMANA:** Hakubiyemo abari mu ntambara za Jihad ndetse n'ibikoresho bikenewe muri yo nko kugura intwaro n'ibindi.

**8 ABARI K'URUGENDO:** Aribo abantu bari k'urugendo bashiriwe n'impamba, abo bakaba bahabwa muri Zakat kugirango babashe kugera mu Gihugu cyabo.